# 377: Reka twongere twishimire Rwa rukundo

1.
Reka twongere twishimire Rwa rukundo
rudahinduka N'amaraso twahongerewe Ku Musarab' i Gologota.

Ref:
Twogez' ibya Yesu Tumusingiz' iteka ryose! Twogez' Ibya Yesu, Kugez' ubwo tuzaban' i we

2.
Muze mwese, mwitabe Yesu, Mwisuke mu maraso none, Mwakir' ubuntu n'imbabazi, Mubiheshwe na za ntimba ze.

3.
Turi mw isi, tunezererwa Imigisha dusogongeye, Ariko ni tumwirebera, Tuzicwa n'umunezero pe !

4.
Tujye twambar' iryo zina rye, Tumukurikire mu nzira.Yes' azaza mu minsi mike; Tuzajya kumusanganira.

5.
Yesu, wez' imitima yacu, Twuzure na bagenzi bacu, Ni ho tuzaba twiteguye Kugusanganir' ugarutse.

Visit us at indirimbo.com